« Yesu ntahinduka, uko yari ejo, na none ni ko ari, kandi ni ko azahora iteka ryose »
(Abaheburayo 3 :18)

Urwandiko ruzenguruka, Ukwezi kwa kane 2015

Ndasuhuza mu Izina rya Yesu Kristo benedata na bashiki banjye bose ku isi, nkoresheje aya magambo yo mu Baheburayo 9:28:

« … *na none Kristo, witanze rimwe rizima kugirango yikorere ibyaha bya benshi, azigaragariza ubwa kabiri abamutegereje ku bw'agakiza kabo, nta cyaha afite* »

Kuza kwa kabiri kwa Kristo ni kwa kugaruka kwe kwasezeranijwe (Yohana 14:1-3). Azagaruka azanywe n'abacunguye bose **bamutegereje**. Azaba azanywe n'abacuguwe bose bamaze **kwitegura** : « …*Abari biteguye binjirana nawe mu cyumba cy'ubukwe* » (Mat 25 :10). Azaba azanywe n'abacunguwe **bakunda kuza kwe** ». Nuko « *abazaba barakunze kuza kwe* » bazahabwa ikamba ryo gukiranuka ryasezeranijwe (2 Tim. 4:8).

Kugaruka kwa Kristo kuri hafi cyane. Icya ngombwa ni uko asanga muri buri umwe muri twe bisabwa bikurikira uko ari bitatu : ***kumutegereza, kuba witeguye****, no* ***gukuknda kuza kwe***. Turi mu gihe cy'umuhamagaro wo gusohoka, nk'uko byanditswe mu 2Abakorinto 6:14-18 : « *nuko rero, musohoke hagati yabo, mwitandukanye, ni ko Uwiteka avuga* ». Ibyahanuwe ku bihe bya nyuma, byose birasohorera mu maso yacu. Iki ni cyo gihe Umwami yavuzeho ati : « *nimubona ibyo byose birimo gusohora, muzamenye ko ubwami bw'Imana bwegereje* » (Luka 21:28-36). Kubw'ubuntu twagiriwe, dufite icyerekezo cya Bibiliya ku bw'Ijambo ry'ubuhanuzi, ni ryo ridushoboza kubona ibimenyetso by'ibihe mu mpande zose. Akamo gakangura abizera bose kugirango bave mu bitotsi by'umwuka karimo kararangurura ubu ku isi yose kandi kararushaho kuvuga cyane : « *Dore Umukwe araje ! Nimubyuke ! … Nimwitegure ! Mujye kumusanganira* ! » (Matayo 25:1-10).

Ubutumwa ni bwo burimo kubanziriza kuza kwa kabiri kwa Kristo.Abizera nibo ba bari batunganije amatabaza yabo. Abari b'abanyabwenge bo ntabwo bashimishwa gusa no kugira amatabaza, ni ukuvuga umucyo, gusobanukirwa; kuri bo icya ngombwa kurushaho ni ukwitegura rwose mu kwizera no kumvira, no kuzuzwa amavuta y'Umwuka. Hari umuhimbyi wavuze mu ndirimbo ye ati : « *Tube inzabya gusa, Mutware wera, ariko zuzuye imbaraga zawe*… » Ubu, Umwuka wera arimo gukora umurimo wo kwunga Umugeni wo ku isi n'Umukwe wo mu ijuru mu rukundo ruhebuje kandi bihuje na buri Jambo ry'Imana.

« Nzakurambagiza »

Muri Hozeya 2:21, Umwami yarasezeranije ati : « *nzakurambagiza iteka ryose* ; *nzakurambagiza ku bwo gukiranuka, kugororoka, ubuntu n'imbabazi* ». Iyi ni impano Umucunguzi yahaye abacunguwe ku bw'ubuntu. Ku musaraba i Golgota, niho Umukwe yishyuriye igiciro cyo gucungura Umugeni ku bw'urukundo (Yoh. 3:16). Itorero ryacunguwe ku bw'amaraso y'Isezerano rishya yamenetse (Mat: 26:26-28): «*Muri we, niho tubonera gucungurwa ku bw'amaraso ye, no*

kubabarirwa ibyaha ku bw'ubutunzi bw'ubuntu bwe» (Abef.1:7). Nk'uko urubavu rw'Adamu rwafunguwe kugira bgo Eva aboneke, hanyuma akamuzanirwa (Itang. 2), ni ko n'urubavu rw'Umucunguzi rwafunguriwe ku musaraba (Yoh. 19:34) kandi abacunguwe nibo Itorero-mugeni rye, bazamusanganira mu kirere ubwo rizaba rizamuka rigiye mu ifunguro ry'ubukwe (1Abates. 4:17). «*Adamu wa mbere yahindutse ubugingo buzima. Adamu wa nyuma yari Umwuka utanga ubugingo*» (1Abakor. 15:45). Abahungu n'abakobwa b'Imana bose ni ingingo z'umubiri we, akara ko mu mara ye, igufa ryo mu magufa ye». Hirya gato, Pawuro yaranditse ati: «*ubwo bwiru burakomeye; ibi mbivuze kuri Kristo n'Itorero*» (Abef.5:30-32).

Kimwe n'uko mu gihe cyo gusaba umugabo ahinduka umukwe umukobwa agahinduka umugeni, ni na ko bimera iyo umuntu ahindukiriye Yesu Kristo by'ukuri, ari byo kumwemera no kumubwira "Yego". Ibyo ni byo bituma Umucunguzi ahinduka Umukwe wo mu ijuru, abacunguwe bagahinduka umugeni we. Nta muntu ushobora kwirambagiza wenyine. Bishoboka gusa ari uko ababiri bahuye, imitima yabo igasimbagurka kubw'urukundo buri umwe afitiye undi, bigatuma umukobwa abwira umuhungu ati «Yego».

Abacunguwe bose, abo Ijambo ryabibwemo nk'Imbuto (Luka 8:11), bavuka bwa kabiri bagahabwa ibyiringiro bizima (1Petero 1:3). Bahabwa kamere-Mana y'Umucunguzi n'ubugingo buhoraho: «*Umuntu iyo ari muri Kristo ahinduka ikiremwa gishya. Ibya cyera biba bishize, dore byose bihindutse bishya*» (2Abakor. 5:14-21). Uri mu Itorero-Mugeni wese afitanye n'Umwami imishyikirano yihariye, nk'uko biba hagati y'abamaze kurambagizanya, yumvira ibyo Umukwe abwira umugeni we mukundwa binyuze mu Ijambo rye, akabishyira mu bikorwa. Uko niko rya Jambo risohora go « *Kandi umugeni we yamaze kwitegura* ».

Abagize Itorero-Mugeni bazasangwa biteguye igihe Umukwe azagaruka. Baramukunda, kandi bategereje bafite igishyika cyinshi igihe bazinjira hamwe na we mu birori by'ubukwe, nk'uko byanditswe ngo : « *Hahirwa abatumiwe mu birori by'ubukwe bw'Umwana w'intama!*» (Ibyah. 19:7-9). Binyuze mu bukozi bw'umuhanuzi wasezeranijwe, Umwuka wera yahinduye Ijambo ryanditswe, rihindukira abizera b'ukuri bose Ijambo rihishuwe. Ikindi kandi kirenze ibyo: Ubutumwa-Jambo busohoza icyo bwatumiwe mu bugingo bw'abizera nyakuri, aribo bagize Itorero-Mugeni (Yesaya 55 :11 ; Abar. 10: 16-21).

Yohana Mubatiza yateye akamo ati : «*Umugeni ni uw'Umukwe, ariko inshuti y'Umukwe iba iri aho, yuzuzwa umunezero no kumva ijwi ry'Umukwe: nuko rero uwo ni wo munezero wanjye kandi uruzuye rwose* » (Yoh. 3 :29). Yohana yarutaga umuhanuzi kuko yari umuhanuzi wasezeranijwe kugira ngo akore umurimo wihariye : « *uwo niwe wanditsweho ngo: dore ndohereza intumwa yanjye imbere yawe kugira ngo igutegurire inzira imbere yawe*» (Mat. 11 :9-10).

Nta mubwiriza n'umwe wigeze avuga inshuro nyinshi iby'umugeni wa Kristo, ibyo gutegurwa no kuzamurwa nk'uko umugaragu w'Imana William Branham yabikoze. Nk'uko bizwi na bose, yahamagawe n'Imana tariki 11 z'ukwezi kwa gatandatu 1933, ubwo yabwirwaga ngo :
« Nk'uko Yohana mubatiza yatumwe kugira ngo abanzirize kuza kwa mbere kwa Kristo, uko ni ko nawe uzatumwa ufite Ubutumwa buzabanziriza kuza kwa kabiri kwa Kristo !». Ubukozi bwe bwari mu mugambi w'Imana w'agakiza mu buryo butaziguye, wabaye ingira kamaro cyane, niyo mpamvu umunezero we kimwe n'uwa Yohana Mubatiza, uzaba wuzuye rwose.

Ubu nibwo rya Jambo ririmo gusohora ngo: « *Umwuka n'Umugeni baravuga bati: Ngwino. Kandi uwumva na we avuge ati : Ngwino ! Kandi ufite inyota aze, ushaka aze afate ku mazi y'ubugingo nta kiguzi* » (Ibyah. 22:17).

Ariko uzizihizwa n'ibyo Imana yavuze cyangwa yahishuye, bigatuma ashaka kuramya Marayika cyangwa umukozi w'Imana aho guha icyubahiro cyose Imana yonyine, azagomba kumva ya magambo yabwiwe Yohana Mubatiza ku kirwa cya Patimo ngo: «*Sigaho, wibikora ! Ndi umukozi mugenzi wawe, n'uwa bene so abahanuzi, n'abitondera amagambo y'iki gitabo. Imana abe ariyo uramya yonyine!* » (Ibyah. 22:9).

Ka turebe ku itangiriro kugirango dusabanukirwe neza n'iby'iherezo

Ntabwo ubukozi bwa Yohana Mubatiza bwasohoje gusa ubuhanuzi bwa Maraki 3:1 buvuga ngo: «*Dore nzohereza intumwa yanjye, izategura inzira imbere yanjye*», ahubwo bwashohoje n'igice cya mbere cy'ubuhanuzi bwa Maraki 3:12 ngo: «*azagarura imitama y'ababyeyi kuy'abana babo…* ». Malayika yabwiye ise Zakariya ngo: «*…kugira ngo agarure imitima y'ababyeyi ku bana babo, n'abagome ku bwenge bw'abakiranutsi, kugira ngo ategurire Umwami ubwoko buboneye*» (Luka 1:16-17). Uko byabaye ku itangiriro binyuze mu bukozi bwa Yohana Mubatiza, ni ko bimeze n'ubu binyuze mu bukozi bwa nyuma, ni ukuvuga *gutegurira Umwami inzira no kumutegurira ubwoko bufite imitima iboneye*.

Isezerano rya cyera ryose rivuga ibya ba sogokuruza, abo Imana yasezeranije Isezerano (Abar. 9:4-5): «*"Imana imaze kuvugana cyera no ba sogokuruza inshuro nyinshi no mu buryo bunyuranye ikoresheje abahanuzi, yavuganye natwe mur'iyi minsi ya nyuma ibinyujije mu Mwana; ari we yagize umuragwa wa byose; kandi niwe yaremesheje ibyaremwe byose*» (Ababeb. 1:1-2). Mu Byakozwe n'Intumwa 13:32-33, tuhasoma ibikurikira: «*kandi turababwiriza iyi nkuru nziza, y'uko isezerano ryasezeranijwe ba sogokuruza, Imana yaridusohorejeho twe abana babo, ubwo yazuraga Yesu Kristo…* ». Igihe cyose habaye ibintu bikomeye bijyanye n'umugambi w'agakiza, haba hasohoye amasezerano y'Imana ajyanye na byo. Muri Maraki 3:12, handitswe ngo: «*Dore nzabohereereza Eliya umuhanuzi, mbere y'umunsi w'Uwiteka, uwo munsi ukomeye kandi uteye ubwoba* ».

Igice cya kabiri cy'umurongo wa 13, kivuga ko « imitima y'abana b'Imana izagarurwa ku kwizera kwa ba sekuruza », cyo kirimo gusohora mur'iki gihe cyacu. Niyo mpamvu Umwami wacu, ubukozi bwa Yohana Mubatiza bwaramaze kurangira, yongeye kugaruka kuri rya sezerano aravuga ati : « *Ni koko Eliya agomba kubanza kuza, agatunganya byose* » (Mat. 17 :11). No muri Mariko 9 :12 niko byanditswe. Iyaba byari uyu munsi, yakatubwiye ati : « Eliya yaraje, umuhanuzi yazanye ubutumwa buvuye ku Mana, none abana b'isezerano barizera nk'uko ibyanditswe bivuga, kandi bagaruwe ku murongo mu mwuka mu nyigisho no mu mibereho, nk'uko byari bimeze mu itorero rya mbere ku ntango». Iyo ni yo ntego y'Ubutumwa bw'Imana : mu bizera Bibiliya bo mu Itorero-Mugeni, byose, byose rwose, bigomba gushyirwa ku murongo w'ibyanditswe byera, kandi bikagaruzwa.

Abari mu Itorero-Mugeni bose bazi impamvu yatumwe Ijambo ry'ubuhanuzi, ritemera insobanuro n'imwe y'umuntu, ryarahishuwe mur'iki gihe cyacu. Rimurika nk'itabaza ricanye ahacuze umwijima w'umwuka (2Pet. 1:19-21).

Ibyanditswe muri Bibiliya ni byo Byanditswe byera byonyine, kandi ni byo byonyine bigomba kubwiriza, ari nayo mpamvu ari byo byonyine byagenewe kwizerwa n'intore. Itorero ryubatswe ku rufatiro nyakuri rw'intumwa n'ababahanuzi (Abef.2 :20). Niyo mpamvu ubutumwa bw'igihe ari : mugarukire Ijambo ; mugaruke ku ntango ; mugaruke ku nyigisho iboneye y'intumwa ; mugaruke ku myimenyerezo yose y'agakiza ! Muri 2Abakor. 6:14-18, amagambo akomeye arabwirwa ubwoko bw'imana : « … *Ese hari sano ki hagati y'Urusengero rw'Imana n'ibigirwamana ? Kuko turi urusengero rw'Imana nzima, nk'uko Imana yabivuze iti: Nzatura kandi nzagendera muri bo; nzaba Imana yabo nabo bazaba ubwoko bwanjye*». Ubutumwa bwa nyuma, bujyanye no guhamagarira gusohoka no kwitandukanya, hamwe no kugarurirwa n'Imana no gutegurwa. Tugomba kubanza gusohoka kugira ngo tubone uko twinjira.

Kugaruka kw'umwami kwasezeranijwe kuri ku muryango (Mat. 24 :33). Ku bijyanye n'ibigomba kuba mu gihe cya nyuma, Umwami n'Umucunguzi wacu yaravuze ati : «*nimubona ibyo bitangiye gusohora, muzubure amaso yanyu murarame, kuko gucungurwa kwanyu kuzaba kwegereje*» (Luka 21 :28), ariko aherako atanga imburo yihanangirza ati : «*mube maso rero, musenge igihe cyose, kugira ngo muzagire imbaraga zo kurokoka ibyo byose bigiye kuza, maze muzaboneke muhagaze imbere y'Umwana w'umuntu* » (umurongo wa 36). Turabona ukuntu ubuhanuzi bwa Bibiliya burimo gusohorera kuri Isirayeri, ku mahanga mu isi yose, ariko cyane cyane mu Itorero ; ku buryo dushobora guhora dutera akamo ubutitsa tuvuga tuti : « Uyu munsi, ubuhanuzi ubu n'ubu bwa Bibiliya bwasohoreye mu maso yacu! ». Ibi kandi bitwibutsa n'amagambo y'Umwami yavuze ati : «*ibi nabibabwiye kugira ngo igihe nikigera, muzibuke ko nari nabibabwiye*» (Yoh. 16 :4). Amina.

Ubu ni cyo gihe cy'intego nyamukuru, y'uko Umugeni agomba kunga ubumwe n'Umukwe rwose. Ntacyo byaba bimariye uwizera n'umwe ko yabona ibimenyetso by'ibihe gusa. Ahubwo, icya ngombwa ni uko ibyanditswe muri Bibiliya byerekeye gutsindishirizwa (Abar.5 :9), kwezwa (1Abates. 5 :23) no kubatizwa mu Mwuka wera (1Abakor.12 :13) n'ibindi, bigaragara nk'uko byari bimeze mu gihe cy'intumwa. Ku iherezo, urukundo rwuzuye rw'Imana, nk'uko rwagaragaye ku musaraba i Gologota kugira ngo haboneke ubwiyunge n'imbabazi, ruzongera kugaragara hagati y'abamaze kungwa n'Imana bakagirirwa imbabazi bose, kuko : «*Icyo mbategetse, ni uko mukundana*» (Yoh. 15 :17). Igihe abizera nyakuri bazaba bamaze kuba umutima umwe n'ubugingo bumwe, nibwo imvura ya mbere n'iya nyuma zizagwa «Yakobo 5:7-11 ; Yoweri 2:23 ; Yesaya 44:3 ; Zakar. 10:1). Icyo gihe imbaraga z'Imana zizagaragara, kandi nk'uko byabaye kuri Yobu wasengeye inshuti ze zamuregaga (Yobu 42:10), hazaba kugarurirwa inshuro ebyiri ibyo Itorero rya mbere ryari rifite byose.

Urukundo rwuzuye rwose niwo murunga w'ubutungane. «*Ariko hejuru y'ibyo byose, mwambare urukundo, kuko ari rwo murunga wo gutungana rwose*» (Abakolos. 3:15) – gukunda urukundo rwuzuye rwose Umucunguzi n'abacunguwe, na buri Jambo ry'imana ryose, no kugirira ukwizera nyakuri kandi kuzima buri sezerano ry'Imana ryose. Ubwo tuzuzuzwa Umwuka wera twese nko mu byakozwe n'intumwa igice cya 2 no mu Itorero rya mbere, nibwo tuzashobora kuvuga by'ukuri tuti «*urukundo rw'Imana rusutswe mu mitima yacu ku bw'Umwuka wera twahawe*» (Abaroma 5:5). Ubutumwa bw'amagambo gusa basobanura uko bishakiye mu buryo bunyuranye ntacyo bumaze. Iyo buri kintu kigaruwe muri gahunda y'Imana, nibwo aya magambo ashobora gusohora ngo : « K*uko abayoborwa n'Umwuka w'Imana bose aribo bana b'Imana*» (Abaroma 8 :14).

Igihe Umukwe azaza koko, ni bwo «ijwi rye rikangura » rizabanza gumagara abapfiriye muri Kristo, hakurikireho guhindurwa kw'abazaba bakiri bazima, maze bose bazamurwe ku bicu bajye gusanganira Umwami. IBI NI UKO UWITEKA AVUZE mu Ijambo rye ryera kandi rihoraho iteka ryose (Abates. 4 :13-18).

Ukugaruka kw'Umwami kuzaba ari impamo nk'uko kuzamuka kwe kwabaye impamo (Ibyak. 1 :11b) : «*Uyu Yesu ubakuwemo akajyanwa mu ijuru, n'agaruka azaza nk'uko mwamubonye ajya mu ijuru*». Umuzuko w'abapfiriye muri Kristo nawo uzaba ari impamo (1Abakorinto 15 :42-44). Guhindurwa kw'imibiri yacu nako kuzaba ari impamo (1Abakorinto 15 :54). Kuzamurwa nabyo bizaba ari impamo (1Abates. 4 :17). Ibirori by'ubukwe nabyo bizaba ari impamo (Ibyah. 19 :7). Byose bizaba impamo, kimwe n'ubwami bw'imyaka igihumbi (Ibyah. 20). Bizasozerezwa byose n'ijuru rishya n'isi nshya (Ibyah. 21). Maranata. Ngwino Mwami Yesu! «*Uhamiriza ibyo aragira ati : Yego, ndaza vuba. Amina! Ngwino Mwami Yesu!*» (Ibyah. 22 :20).

Kutagi icyo umuntu yongera ku Ijambo…

Ubukozi bwa mwenedata Branham bwari ubwa ngombwa cyane kimwe n'ubwa Mose, Yohana Mubatiza, na Pawuro, ku bijyanye n'amateka y'agakiza. Ijambo ry'Imana twabwirijwe n'intumwa z'Imana ryatugezeho, kandi natwe niryo tubwiriza, kuko Ijambo ry'Imana ari ryo ryonyine rihoraho iteka ryose (1Petero 1:25). Muri 2Petero 3:14-18, intumwa Petero yihanangirije abizera, ku bijyanye no kugaruka kwasezeranijwe kwa Kristo, ko dukwiye guharanira kuzasangwa nta kizinga kandi tutariho umugayo. Yagarutse na none ku byanditswe na Pawuro mu nzandiko ze, avuga ko zirimo ingingo zitoroshye gusobanura. Natwe twasobanukiwe yuko ubutumwa bwa Bibiliya butagizwe na za ngingo zitoroshye gusobanukira, nk'uko byari cyera mu nzandiko za Pawuro, izo Petro avuga muri 2Petero3:16, cyangwa mu nzandiko za Branham, wahoraga ategereje cyane igikorwa cya nyuma cy'Imana. Nk'uko byari cyera, n'ubu hariho abantu nk'abo, bavana amagambo ya mwenedata Branham mu mwanya wayo, bakayahindura inyigisho zabo z'ibinyoma (umurongo wa 16).

Amabwiriza Pawuro yahaye mugenzi we w'umwiringiwa Timoteyo, muri 2Timot. 4, Umwami nawe yayihaye mwenedata Branham mu iyerekwa, mu mwaka wa 1933. Umukozi nyakuri w'Imana wese agomba kwitwararika aya magambo :

«N*dagutongera mu maso y'Imana na Yesu Kristo, uzacira imanza abazima n'abapfuye, ku bwo kugaruka kwe n'ubwami bwe, <u>bwiriza Ijambo</u>, ugire umwete mu gihe kigukwiriye n'ikitagukwiriye, uhane, uteshe, uhugure, ufite kwihangana kose no kwigisha. Kuko igihe kizaza abantu ntibihanganire **<u>inyigisho nzima</u>**; ahubwo amatwi yabo azaba abarya yifuza kumva ibibanezeza, bazigwiriza abigisha bahuje n'irari ryabo, bazima amatwi <u>ukuri</u>, bakurikire imigani. Ariko woweho, wirinde muri byose, wemere kurenganywa, <u>ukore umurimo w'umuvugabutumwa, usohoze neza umurimo wawe wo kugabura iby'Imana</u>*».

Nanjye, Umwami yantegetse gusoma 2Timoteyo 4, mu kwezi kwa kabiri 1984, ubwo nari ahitwa Marseille mu Bufaransa. Umunsi ubanjirije uwo, bwari ubwa mbere bambaza ikibazo ku nsobanuro yo guhinda kw'inkuba kwo mu Byahishuwe 10. Nta gisubizo nari mfitiye icyo kibazo. Ubwo nasomaga 2Timoteyo 4, nahereyeko nsobanukirwa impamvu nagombye gusoma aho hantu :

nta kindi nkwiriye, ndetse ngomba kubwiriza uretse Ijambo, kandi sinshobora, ndetse singomba kugira uruhare mu nsobanuro z'abantu ku giti cyabo. Sinshobora kudohora ku Ijambo ry'Imana na hato!

Umuntu wese uzaba yarahamagawe n'Imana koko azitwararika iyi mpuguro Pawuro yahaye Timoteyo, kandi azayishyira mu bikorwa : « *Ndakwihanangiriza imbere y'Imana…., **bwiriza Ijambo…. !* ». Ikintu kitanditswe mu Ijambo ry'Imana ntabwo kiba cyaragenewe kubwirizwa mu Butumwa bwiza bw'iteka. Kandi umuntu wese ubwiriza ikintu kitari muri Bibiliya, nubwo yavugako ari ibyo yeretswe, aba yikururiraho umuvumo (Abagal. 1:8), nubwo byaba byazanywe na malayika uvuye mu ijuru!

Intumwa Yohana yatwihanangirije bikomeye ati : «*Uwumva wese amagambo y'ubuhanuzi bw'iki gitabo, ndamuhamiriza nti «nihagira umuntu uzongera kuri yo, imana izamwongeraho ibyago byanditswe muri iki itabo. Kandi nihagira umuntu ukura ku magambo y'igitabo cy'ubu buhanuzi, Imana izamukura ku mugabane wa cya giti cy'ubugingo no kuri rwa rurembo rwera, byanditswe muri iki gitabo*».

Abitondera ibyanditswe gusa, ni bo bitwa abahiriwe : « *Hahirwa usoma n'abumva amagambo y'ubu buhanuzi, kandi bakitondera ibyanditswemo ! Kuko igihe cyegereje* » (Ibyah. 1 :3)

Imana itekereza ibyo ivuga kandi ikavuga ibyo itekereza

Umuhanuzi Danieli yarabwiwe ngo : «*Nuko Danieli, bumba igitabo, ugifatanishe ikimenyetso kugeza igihe cy'imperuka, nibwo benshi bazagisoma, kandi ubwenge buzagwira*» (Dan. 12 :4). Turi ku iherezo ry'ibihe: igitabo cyafatanishijwe ikimenyetso cyarabumbuwe, ibikubiyemo byose byamaze guhishurwa. Imana ibishimirwe ; nta na kimwe muri byo gishobora gukomeza kugirwa ibanga, kuko «*dore, Intare y'umuryango wa Yuda, Ishami rya Dawidi, yaranesheje kugira ngo abumbure igitabo n'ibimenyetso byacyo birindwi* » (Ibyah. 5 :5).

« *Nuko arambwira ati : amagambo y'ubuhanuzi bw'iki gitabo ntuyazigame ngo uyagire ubwiru, kuko igihe kiri bugufi* ». (Ibyah. 22:10). Mu gice cya 5, Igitabo cyari kigifunze.

Twasobanuriwe rwose Umugambi w'Imana w'agakiza mu Ijambo. Dushobora gushyira ba bamarayika barindwi b'Itorero mu mwanya wabo (Ibyah. 2, 3), n'abamarayika bane bafungiwe ku mugezi Efurati batangaza ibihano (Ibyah.9), ndetse n'abamarayika barindwi bavuza impanda (Ibyah.8:1). Kuri twe, ibivugwa aho hose birasobanutse rwose, byaba igihe Umwami amanuka nka marayika w'Isezerano (Ibyah. 10), cyangwa aho abahanuzi babiri bagaragara (Ibyah. 11), cyangwa ibireba ba bamarayika barindwi bafite inzabya z'umujinya w'Imana (Ibyah. 16). N'ukuri koko, twahishuriwe rwose ibigomba kuzaba byose kubw'ubuntu, kandi twabibwirijwe na none kubw'ubuntu, ku buryo buri kintu cyashyizwe mu mwanya wacyo, mu buryo bwumvikana rwose, nk'uko bitigeze biba mu gihe na kimwe mu bisekuriza byatubanjirije.

Ariko, birakwiriye ko bihora bisubirwamo, mu Izina ry'Umwami Yesu Kristo: ubu ikiriho, ni uguhamagarirwa gusohoka no gutegurwa kw'Itorero-mugeni. N'ubwo twaba tuzi ubwiru bwose, ariko ntitugire urukundo nyakuri rw'Ijambo ry'Imana, **buri Jambo**, nta kuntu dushobora kuzasangwa twiteguye, cyangwa ngo dukunde kuza kwe. Iryo ni ryo tandukaniro hagati y'abari b'abanyabwenge

n'abari b'abapfapfa. Koko tugeze ku iherezo ry'igihe cya nyuma; ikiriho ubu, ni ukugarurirwa Ijambo mu buryo bwuzuye, bigomba gusohozwa mbere y'uko Umwami n'Umukwe wacu mukundwa aza. Intore zikomeza komatana n'Ijambo kugeza ku iherezo, kandi ntizishobora gushukwa n'insobanuro y'abantu iyo ariyo yose. Zizera ko Ubutumwa nyakuri, bushingiye gusa ku Byanditswe byera, ari bwo bubanziriza kuza bwa kabiri kwa Kristo, kandi zizakomeza gushimira Umwami kugeza iteka ryose ku bw'ubukozi bw'ubuhanuzi bwa mwenedata Branham, no gusohora kw'ibyahanuwe byose ko bizaba mu mugambi w'agakiza. Nibo babwirwa amagambo y'umugisha agir'ati : « *amaso yanyu arahirwa, kuko abona, n'amatwi yanyu, kuko yumva*.»

Ntabwo umugaragu aruta Shebuja

Hari ibibazo byinshi bangejejeho byakagombye gusubizwa. Inzandiko zacishijwe kuri Interineti zimaze kuba nyinshi: hari rumwe rukubiyemo ibibazo bitanu ; urundi rurimo 8, ndetse hari n'urundi rurimo ibibazo 20. Hari n'uwabajije ibibazo 45 mu byo nakabombye gusubiza. Bose barifuza ibisobanuro ku byo mwenedata Branham yavuze. Ndabasaba ko mwabyumva, ntabwo nshobora gukora ibyo bansaba.

Ku bijyanye n'ingigo zo muri Bibiliya, namaze kuzandikaho zose mu nzandiko zanjye zinyuranye, nzimurikirisha ibyanditswe byera. Ni cyo kimwe n'ibijyanye n'ubukozi bw'ubuhanuzi buhebuje kandi butigeze busobwa bwa mwenedata Branham. Umurimo nahawe n'Umwami tariki 2 z'ukwezi kwa kane kandi wahamirijwe n'umuhanuzi tariki 3 z'ukwezi kwa cumi na kabiri 1962, imbere y'abahamya babiri, ari bo benedata Wood na Sothmann, ni uwo kubwiriza Ijambo no gukwirakwiza amafunguro yahunitswe. Kubw'intore, ka nongere mvuge ku byabaye tariki 19 ukwezi kwa cyenda 1976, ubwo Umwami yavuganye najye mu ijwi ry'imbaraga muri aya magambo : « *Mugaragu wanje, nagutoranije bijyanye n'ibyanditswe muri Matayo 24:45-47, kugira ngo ugabure ibyokurya*.» Ibi ni ukuri nk'uko Imana ari nzima.

Imana niyo kandi yahanuye muri Amosi 8:11, ko hazaba inzara yo kumva Ijambo ryayo, kandi umuntu w'umwuka abeshwaho na buri Jambo rivuye mu kanwa k'Imana. Umucunguzi wacu yaravuze ati : «*Ibyokurya byanjye ni ugusohoza ubushake bw'uwantumye no gukora umurime we*» (Yoh. 4:34). Umwami arabwira buri mukozi, abinyujije muri Pawuro, ati: «*Niwibutsa benedata ibyo, uzaba ubaye umugabura mwiza w'ibya Kristo Yesu, utunzwe n'amagambo yo kwizera n'inyigisho nziza wakurikije*» (1Tim. 4:6).

Ariko n'ibyanditswe muri 2Timoteyo 4 byagombaga nabyo gusohora, ko «*igihe kizagera aho abantu batazihanganira inyigisho nzima, ahubwo kuko amatwi azaba abarya yifuza kumva ibibanezeza, bazigwiriza abigisha bahuje n'irari ryabo*…». Niyo mpamvu muri Matayo 24:48-50, naho havugwa iby'umugaragu mubi, wibwira ati «*databuja aratinze*…» (Matayo 24:48). Nk'uko Umwana w'umuntu ariwe ubanza kubiba imbuto nziza, uko niko biri no kubo atuma bose (Mat. 13). Igihe cyose, umwanzi aza nyuma abebera, akabiba imbuto mbi ari yo «urukungu»: insobanuro z'abantu. Umugaragu ukiranuka kandi w'ubwenge we, abiba imbuto y'Ijambo kandi agabura ibyokurya by'Umwuka. Umugaragu mubi we abiba insobanuro ze bwite.

Ababyawe n'Imana bose bizera kandi bakanezezwa n'uko Umwami Yesu ari we ubwe watanze ubukozi bw'iki gihe bwo kubwiriza Ijambo. Ibi nta kuntu twabigarukaho bihagije:

uwatumwe n'Imana abwiriza Ijambo ry'Imana gusa, kandi uw'Imana wese yumvira Ijanbo ry'Imana ryonyine (1Yoh. 4 :6), ntabwo yemera insobanuro z'abantu (2Tim. 4 :4).

Pawuro yaranditse ati : «*ahubwo ku kintu cyose twihe agaciro nk'abakozi b'Imana bagabura ibyayo, twihangana cyane mu makuba, mu mibabaro, mu byago, mu biboko, mu mazu y'imbohe, mu midugararo no mu mihati ; tuba maso, twirirwa ubusa, dufite umutima uboneye, dufite ubwenge, tutarambirwa, tugira neza, dufite Umwuka wera, dufite n'urukundo rutaryarya,* ***tuvuga Ijambo ry'ukuri****, dufite imbaraga z'Imana kandi dufite intwaro zo gukiranuka z'iburyo n'izibumoso, mu cyubahiro no mu buhemu, mu mugayo no mu ishimwe. Dutekerezwa ko turi abashukanyi ariko turi ab'ukuri*» (2Abakor. 6 :4-8).

Dusoma muri 1Petero 4, uhereye ku murongo wa 12 ko abizera hari igihe bagomba kunyura mu bigeragezo bisa n'itanura ry'umuriro, kugira ngo bagire uruhare ku mibabaro ya Kristo, «*kugira ngo muzabe mufite umunezero n'ibyishimo ubwo ubwiza bwe buzahishurwa*» (Umurongo wa 13b).

Umucunguzi wacu nawe yihangniye ibinegu kuva akivuka kugeza ubwo yazamutse ajya mu ijuru. Abanditsi bamucyuriraga ko yavutse ari ikinyendaro (Yoh. 8:41), ko yari yuzuye amadayimoni (Yoh. 10:20), ko yakoreshwaga na Belizeburi (Luk. 11:15), ko yari umushukanyi (Mat. 27:63), ndets ko yari n'umugizi wa nabi (Yoh. 18:30). Nyamara yihanganiye ibyo binegu byose kugeza n'ubwo no kumusaraba bakomeje bamukwena. Nyamara mu gitondo cya Pasika, yasohotse mu mva amaze kunesha Satani, n'urupfu, n'ikuzimu, ku buryo yashoboye gutangaza ati : «*Nahawe ububasha bwose, mu ijuru no mu isi*». Yazamutse ajya mu ijuru aherekejwe n'akamo k'intsinzi (Zab. 47:6 ; 68:19 ; Luk. 24:50-53 ; Ibyakozwe 1:9-11). Kandi azagaruka afite imbaraga nyinshi n'ubwiza buhebuje.

Nk'uko byari bimeze mu Mwani, niko bigomba kuba no ku bagaragu be: «Mwibuke ijambo nababwiye: ntabwo umugaragu aruta shebuja. Niba barantoteje, namwe bazabatoteza. Niba baritondeye ijambo ryanjye, bazitondera n'iryanyu» (Yoh. 15 :20) Yarongeye aravuga ati : «*muzaba muhiriwe nibabanga, bakabaha akato, bakabatuka, bakanegura izina ryanyu nk'aho ari ribi babahora Umwana w'umuntu!*» (Luk. 6:22).

Kandi iri Jambo naryo rizasohora ngo « *ababiba barira, bazasarura baririmba indirimbo z'ishimwe. Ugenda arira atwaye imbuto, agaruka yishimye iyo atwaye imiba ye*" (Zab 126:6). Ubwo Umwami azagaruka mu bwiza bwe bwinshi, natwe icyo gihe tuzishima cyane turi mu munezero: "*uwo mumukunda mutaramubona, kandi n'ubwo none mutamureba, muramwizera, ni cyo gituma mwishima ibyishimo byiza bitavugwa*" (1Pet. 1:8). Ubu dutwaye ibinegu kubera Izina rye. Nyamara nagaruka tuzishima, tuzanezerwa kandi tuzahabwa ikamba ry'ubwiza (1Pet. 5:4). Yaje bwa mbere azanywe no kudukuraho ibyaha byacu; azaza ubwa kabiri azanywe n'abamutegereje bose (Abah. 9:28), kandi bakunda kuza kwe (2Tim 4:8), n'abamaze kwitegura bose (Mat. 25:10).

Intumwa Yohana itwihanganisha aya magambo : « *na none bana bato, mugume muri We kugira ngo niyerekanwa tuzabone uko dutinyuka, tutabebera imbere ye ubwo azaza, … ariko uko tuzamera ntikurerekanwa, icyakora icyo tuzi ni uko Yesu niyerekanwa tuzasa nawe kuko tuzamureba uko ari* » (1Yoh. 2:28 + 3:2)

Ese ni iki kizaba ubwo Umwami azivuga nk'intare ?

Ka twongere tubisubiremo kugira ngo n'uwa nyuma abyumve: uwizera nk'uko Ibyanditswe byera bivuga niwe uzahishurirwa imirongo ya Bibiliya ijyanye na buri ngingo. Mu Byahishuwe 10, Umwami amanuka nka Marayika w'Isezerano, afite agatabo gafunguye mu ntoke, agashyira ikirenge kimwe ku nyanja ikindi ku butaka, maze akavuza akamo n'ijwi rirenga nk'intare yivuga. Ijambo rikwiriye kwitabwaho hano ni «ukwivuga».

Mu kibwirizwa yise «Icyanzu» (La breche/The Gap), yabwirije tariki 17/3/1963, mwenedata Branham yasomye Ibyahishuye 10:1, hanyuma aherako aravuga ati: « **niba mwabirebye neza, uyu ni Kristo, kuko mu Isezerano rya cyera yitwa Marayika w'isezerano. Ubwo azaba aje azanywe n'abayahudi, kuko itorero rizaba ryarasojwe, itorero rizaba ryaramaze kuzamurwa** ».

Uko ni ko gusohora kw'igice cya kabiri cya Maraki 3:1: « *Umwami mushaka azaduka mu rusengero rwe, kandi* ***Marayika w'Isezerano*** *mwishimana, dore araje*… »

Ibizaba ku bazizera bo mu bisirayeri nabyo byamaze kuvugwa n'Ijambo ry'ubuhanuzi. Icyo gihe, ni bwo hazasohora aya magambo : « *uwiteka azivuga ari i Siyoni, arangurure ijwi rye ari i Yerusalemu ; ijuru n'isi bizanyeganyezwa. Ariko Uwiteka azabera ubwoko bwe ubuhungiro, ubwugamo bw'abana b'Isirayeri » (Yoweri 3 :16)*

Bazakurikira Uwiteka uzivuga nk'intare, kuko azivuga, kandi abana bazahurura bava mu nyanja » (Amosi 11 :10)

Aravuga ati : Uwiteka azivuga ari i Siyoni, azumvikanisha ijwi rye ari i Yerusalemu. Ibyanya by'abashumba bizasigara biganya, n'impinga z'i Karumeri zizuma » (Amosi 1:2).

Igihe azivuga nk'intare nibwo hazaba hageze ko ijwi ryo guhinda kurindwi kw'inkuba ryumvikana (Ibyah. 10:3). Yohana ubwo yashatse kwandika ibyo uko uhinda kurindwi kw'inkuba kwavuze, ijwi rivuye mu ijuru ryaramubwiye riti : « *ibyo uko guhinda kurindwi kw'inkuba kuvuze, ubizigame, ubigire ubwiru ntubyandike* » (umurongo wa 4). Icyampa Imana igaha buri wese gutinya kwera, kugira ngo ibyo abyubahirize, kuko ari « UKU NIKO UWITEKA AVUZE » koko.

Marayika w'isezerano, uzashyira ikirenge kimwe ku nyanja ikindi akagishyira ku butaka, maze akivuga nk'intare, ubwo ni bwo azazamura ukuboko akarahira Uhoraho iteka ryose, « *ko nta kindi gihe kizabaho* …». Mu gitabo cy'umuhanuzi Danieri, igice cya 12:7, havugwa iby'uko kurahira, ndetse niby'icyo gihe bigasobanurwa: « … *nuko arahira Ihoraho iteka ryose ko bizaba mu gihe n'ibihe, n'igice cy'igihe, kandi ko ibyo byose bizarangira ubwo imbaraga z'ubwoko bwera zizaba zarangiye rwose* ». Amina ! Mu Ijambo ry'ubuhanuzi, tubwirwa mu buryo bweruye ko hazaba hasigaye imyaka itatu n'igice, uhereye igihe uko kurahira kuzabera ukagera ku iherezo rya byose, mu gace ka nyuma k'ibihe. Muri Danieri 7:25, naho tuhasoma ibyerekeye imyaka itatu n'igice ku byerekeye Isirayeri. Kandi mu Byahishuwe 14, naho tuhasanga igihe, ibihe n'igice cy'igihe, kimwe no muri Danieri 12:7.

Birumvikana neza ko ibi atari iby'Itorero-Mugeni kuko ryamaze kuzamurwa, ahubwo n'ibireba igihe cy'imibabaro ikomeye hamwe n'ihanga rya Isirayeri. Umuhanuzi Danieri yarabwiwe ati : « *nuko none nzanywe no kugusobanurira ibizaba ku bo mu bwoko bwawe mu minsi y'imperuka, kuko ibyo weretswe ari iby'igihe gishyize cyera* » (Dan. 10:14). Hamwe n'indi mirongo ya bibiliya yose

bijyanye, ntabwo bigoye gushyira ibyo bintu bikomeye bizaba mu mwanya wabyo, no kubihuza na bibilia. Kuko ibyo bizaba bitakireba Itorero-Mugeni, ahubwo bizaba bireba ihanga ry'Isirayeri, ntabwo dukeneye gahagarika imitima kubera ibizaba muri icyo gihe. Umwami azita ku bwoko bwe kugeza ku iherezo.

Ubu turi mu gihe cya nyuma, kuza kw'Umwami kuregereje

Muri Matayo 24, muri Mariko 13 no muri Luka 21, naho Umwami yahavuze ku bizaba mu gahe kazabanziriza kugaruka kwa Kristo. Yagereranije icyo gisekuruza n'igihe cya Noa (Itang. 6 kugeza 9) n'uko byari bimeze muri Sodomu na Gomora (Itang. 19; Luka 17). Bigomba na none kuba nk'uko byabaye muri icyo gihe, kandi koko niko biri.

Ijambo ry'Imana na gahunda yahaye ibyaremwe, bifatwa muri rusange n'abiki gihe nk'aho ar'ibintu bishaje. Ni ko bimeze, byaba ari hagati y'abashakanye, mu muryango ndetse n'ibindi byose byahabwaga agaciro n'abakurambere.

Intumwa Pawuro inegurwa bikomeye n'abanyatewolojiya, yagombwe kuvuga uko bizaba bimeze, mu Baroma 1:24-32: « *ni cyo cyatumye Imana ibarekera kurarikira ibyonona, ndetse kugeza ubwo abagore babo bakoresha imibiri yabo uburyo bunyuranye n'ubwo yaremewe ; kandi n'abagabo na bo ni uko, bareka kugirira abagore ibyo imibiri yabo yaremewe, bashyushwa no kurarikirana, abagab bagirirana n'abandi bagabo ibiteye isoni…* ». Ibi na byo birimo gusohorera imbere y'amaso yacu n'amatwi yacu.

Amatorero y'amadini nayo aragenda abyamera kugira ngo ahuze n'umwuka w'igihe nk'abandi bose. Mu minsi ishize abantu bashoboraye gusoma umitwe w'ibyanditswe mu cyapa mu binyamakuru bivuga ngo: « Itorero gatorika ryisubiyeho. Vatikani irimo iregera abatinganyi n'abagore bashakana. Ibisobanuro : abatinganyi nabo bashobora kugira icyo bungura itorero ku bw'impano zabo n'ubushobozi bafite ».

Birumvikana ko bur'umwe afite uburenganzira bwo kubaho uko yishakiye, kandi nta muntu ukwiye gusuzugurwa, cyangwa kuvangurwa kubera uburyo abayeho. Icyubahiro umuntu wese akwiriye guhabwa, nta muntu n'umwe ugomba kukivogera. Nyamara, uwizera Imana we kandi wabyawe bwa kabiri koko n'Umwuka, Ijambo ry'Imana ni ryo igipimo ngenderwaho kugeza none. Uri mu bagize Itorero ry'Umwami nyakuri, yubaha gahunda Imana yahaye ibyaremye, yaba ari hagati y'abashakanye, mu muryango, kimwe na gahunda yo mu Itorero n'Umugambi w'agakiza Imana yatumenyesheje mu Ijambo ryayo ; yemera rwose gushyirwa muri gahunda y'Imana, yaba ari mu by'ubuzima busanzwe cyangwa mu by'Umwuka.

Ariko mbere ya byose ibyavugiwe mu ruhame mu kibwirizwa cya mbere cy'itorero, ubwo Itorero ryo mu isezerano rishya ryashingwaga hashize imyaka 2000, bigomba gusohora: *« Nimwihane, umuntu wese muri mwe abatizwe mu Izina rya Yesu Kristo kugira ngo mubone kubabarirwa ibyaha byanyu, kandi namwe muzahabwe impano y'Umwuka wera, kuko isezerano ari iryanyu, n'abana banyu, n'abari kure bose bazahamagarwa n'Umwami Imana yacu* » (Ibyak. 2:38). Ikibwirizwa cy'uyu munsi kigomba kuba gihuje n'icya mbere, kandi amabwiriza ahabwa uwizera wo mu gisekuruza cya nyuma cy'Itorero, agomba

kuba ahwanye n'ayahawe abizera bo mu gisekuruza cya mbere. Utemera ko Umwuka wera abimwemeza, kandi ntiyemere n'ugucungurwa kwatanzwe, nta n'ubwo byashoboka ko agezwa ku kwihana.

Nta muntu wakwikiza ubwe, buri umwe agomba kwambaza izina ry'Umwami n'Umukiza, akingingira kugirirwa imbabazi no kubohoka mu masengesho. Kugeza uyu munsi, uwo ni we wenyine ushobora gusohorezwa ibikurikira : « *Uzambaza Izina ry'Umwami wese, azakizwa* » (Abar. 10 :13), « *Mu gihe cyo kwemererwamo narakumviye, no ku munsi wo gukirizwamo, naragutabaye. Dore none, ni cyo gihe cyo kwemererwamo, dore none, ni wo munso wo gukirizwamo* » (2Abakor. 6:2).

Ku bw'ubuntu bw'Imana, ubuzima bw'abizera burimo kugarurwa ku murongo w'Ijambo ry'Imana, byaba mu by'Umwuka cyangwa ibyo mu buzima busanzwe. Kuko uri mu Ijambo ry'Imana ni we wenyine ushobora no kuba mu bushake bw'Imana. Ubwo ni bwo buryo bwonyine bushobora kuduhesha kugendana n'Imana, nk'uko byabaye cyera kuri Henoki mbere y'uko azamurwa (Abahe. 11 :5). Icyo ni cyo kizatuma ubushake bw'Imana buba hejuru yacu ; kandi nk'Umugeni utunganye rwose, tuzinjira mu birori by'ubukwe hamwe n'Umukwe, Amina !

« *… kugira ngo azishyire Itorero rifite ubwiza, ridafite ikizinga cyangwa umunkanyari, cyangwa ikintu cyose gisa gityo, ahubwo ari iryera ridafite inenge* » (Abef. 5 :27).

Ingendo nyinsi z'ivugabutuma na none zirateganijwe mu mezi ari imbere. Ndabasaba guhora munyibuka mu masengeho yanyu.

Ukoreshwa n'Imana



Ishusho yerekana amateraniro yabereye muri Cuba mu kwezi kwa mbere 20151.
Kimwe n'ahitwa Havane na HolgiumAbizera baje bava imhande zose bazanywe no kumva Ijambo ry'Imana.
Ndetse hari n'ababwiriza butumwa baje bava ahitwa Santiyago ya Kiba bazanywe no guterana.
Ni Ubuntu bukomeye koko kwibonera ukuntu ubutumwa bwa nyuma buriho kugera ku bana b'Imana bose mu mahanga yose

Inserer la photo

.

Centre Missionnaire

P.O Box 100707

47707 Krefeld

Allemagne

Mushobora no gukurikira amateraniro yacu ya buri cyumweru cya mbere cy' ukwezi, mukoresheje umuyoboro wa interineti. Ku wa gatandatu ni sa moya n' igice nimugoroba, naho ku cyumweru ni saa ine za mugitondo (Isaha yo mu Burayi bwo hagati). Ayo materaniro asakazwa mu isi yose mu ndimi 13 zinyuranye. Nimugire umugabane mu byo Imana irimo gukora ubu bijyanye n' umugambi wayo w' agakiza!

Page web: http://www.freie-volksmission.de/?lang=3&site=news

E-mail: volksmission@gmx.de cyangwa E.Frank@freie-volksmission.de